**IMYANZURO Y'INAMA IDASANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA GASABO YATERANYE KU WA 14 GASHYANTARE 2017**

Kuwa kabiri tariki ya 14 Gashyantare 2017, saa saba n'iminota makumyabiri z'amanywa (13h20') mu cyumba cy'inama cy'Umurenge wa Kimihurura hateraniye inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo iyobowe n'Umuyobozi wayo **Madamu Dr BAYISENGE Jeannette.**

Ku Bajyanama 30 bagize Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo, iyi nama yitabiriwe n'Abajyanama 25 bakurikira:

**Abajyanama bitabiriye inama:**

1. Umujyanama Dr BAYISENGE Jeannette (Umuyobozi w'Inama Njyanama)
2. Umujyanama NYAMULINDA Pascal (Umuyobozi wungirije w'Inama Njyanama)
3. Umujyanama KAREMERA Francis (Umunyamabanga w'Inama Njyanama)
4. Umujyanama BAGILIJABO Jean d'Amour
5. Umujyanama GAHAMANYI Edouard
6. Umujyanama KAMASHAZI GASANA Donnah
7. Umujyanama KAMBANZE Beatrice
8. Umujyanama KAMILI Karegye
9. Umujyanama KANKINDI GAHIRE Rose
10. Umujyanama KAREGA Diogènc
11. Umujyanama MBERABAHIZI Raymond Chrétien
12. Umujyanama MUGABO Anne
13. Umujyanama MUGENI MAKUZA Jeanine
14. Umujyanama MUHIRE Jean Luc
15. Umujyanama MUSSOLINI Eugene
16. Umujyanama MUZINGA SAM Mandela
17. Umujyanama NYIRABAHIRE Languide
18. Umujyanama RUBAGUMYA Emmanuel
19. Umujyanama RWAKIYANJA Jean Paul
20. Umujyanama RWAMULANGWA Stephen
21. Umujyanama RWIHUNDA Fred
22. Umujyanama SHEMA Fabrice
23. Umujyanama UMUKUNZI Paul
24. Umujyanama TUYIZERE Marie Louise
25. Umjyanama ZIHIGA Faustin.

**Abajyanama batitabiriye inama kubera impamvu zizwi:**

1 Umujyanama BUCYANA André
2 Umujyanama MICO NTUNGA Patrick
3 Umujyanama MUSABYIMANA K. Yvonne
4 Umujyanama UMUTONI Flora
5 Umujyanama UMUTONIWASE Sophie

**Abandi bitabiriye iyi nama:**

1. Umunyamabaanga Nshingwabikorwa w'Akarere
2. District Council Affairs Specialist
3. Public Relation Officer.
4. Constituency Affairs Officer
5. Abaturage batandukanye bagera ku icumi (10).

**UKO INAMA YAGENZE N'IMYANZURO YAFASHWE**

Abari mu nama bamaze kuririmba indirimbo yubahiriza Igihugu, Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere yahaye ikaze abitabiriye inama y' Inama Njyanama, abamenyesha ko iyi nama yatumijwe kubera ibibazo byihutirwa Biro y'Inama Njyanama y'Akarere yagejejweho na Komite Nyobozi y'Akarere mu nama yabahuje ku wa 13 Gashyantare 2017. Yasobanuye ko Biro y'Inama Njyanama imaze kubiganiraho yasanze bikwiye gusuzumwa mu Nama y'Inama Njyanama yaterana vuba. Nyuma yo kubona kuri iyi tariki hateganyijwe amatora y'Abajyanama rusange yo kuzuza Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali, Biro imaze kubisuzuma no gusanga bidakwiye guhoza Abajyanama mu nzira, yemeje ko ibikorwa byombi byakorwa umunsi umwe. Nyuma abagezaho ingingo ziteganyijwe ku murongo w'ibyigwa zikurikira:

**INGINGO ZARI KU MURONGO W'IBYIGWA**

1. Ibaruwa Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yandikiwe na Gasabo Investment Company (GIC);
2. Ikibanza gisabwa na Minisiteri y'Ingabo z'Igihugu cyo kubakamo ibiro by'Inkeragutabara (Reserve Force) mu Karere ka Gasabo.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugaragarizwa ingingo ziteganyijwe bagejweho mu butumire, no kuzunguranaho ibitekerezo, abari mu nama bemeje ko ingingo zikurikirana nk' uko zari ziteganyijwe maze hasuzumwa ingingo ku yindi ku buryo bukurikira:

<u>**Ingingo ya mbere:**</u> **Ibaruwa Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yandikiwe na Gasabo Investment Company (GIC)**

Kuri iyi ngingo, Umuyobozi w'Inama Njyanama yagejeje ku bari mu nama ibikubiye mu ibaruwa yo ku wa 12 Gashyantare 2017 yandikiwe na Gasabo Investment Company (GIC), isaba ko cyamunara yabaye ku wa 16 Ukuboza 2015 yakongera igahabwa agaciro, kuvanirwaho inyungu z'Ubukererwe no kwemererwa guhita bishyura amafaranga yasigaye kugira ngo begurirwe umutungo ukurikira:

- Ikibanza No 2780 giherereye mu Murenge wa Kimironko, Akagari ka Bibare cyubatsemo isoko rya Kimironko ;
- Ikibanza No 2865 giherereye mu Murenge wa Kimironko, Akagari ka Bibare cyubatsemo gare ya Kimironko ;
- Ikibanza No 1995 giherereye mu Murenge wa Kimironko, Akagari ka Bibare cyubatsemo ikigo Nderabuzima cya Kimironko.

Nyuma yo gusobanurira Abajyanama ibikubiye mu ibaruwa Gasabo Investment Company (GIC) yanditse, yahaye umwanya abagize Inama Njyanama ngo batange ibitekerezo banafate umwazuro ku busabe bwa Gasabo Investment Company (GIC).

Nyuma yo kungurana ibitekerezo kuri iyi ngingo, abagize Inama Njyanama bemeje imyanzuro ikurikira:

**Umwanzuro N° 07. 01. 093**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo ishingiye kuri ibi bikurikira:

- Cyamunara yabaye ku wa 16 Ukuboza 2015 nk'uko igaragazwa n'inyandikomvugo yakozwe kuri uwo munsi ;
- Ibaruwa n° 2358/070102/2016 yo ku itariki ya 1 Kamena 2016 isesa cyamunara;
- Ibaruwa yo ku wa 12 Gashyantare 2017, Gasabo Investment Company yandikiye Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo isaba ko cyamunara yakongera igahabwa agaciro, kuvanirwaho inyungu z'Ubukererwe no kwemererwa guhita bishyura amafaranga yasigaye kugira ngo begurirwe imitungo batsindiye mu cyamunara ariyo:
  - Ikibanza N° 2780, giherereye mu Murenge wa Kimironko, Akagari ka Bibare cyubatsemo isoko rya Kimironko;
  - Ikibanza N° 2865, giherereye mu Murenge wa Kimironko, Akagari ka Bibare cyubatsemo gare ya Kimironko ;
  - Ikibanza N° 1995, giherereye mu Murenge wa Kimironko, Akagari ka Bibare cyubatsemo ikigo Nderabuzima cya Kimironko.

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje ibi bikurikira:

- Cyamunara yabaye ku wa 16 Ukuboza 2015, isubijwe agaciro ;
- Gasabo Investment Company (GIC), ikuriweho inyungu z'ubukererwe ;
- Gasabo Investment Company (GIC), yemerewe kwishyura amafaranga angana 2,211,762,700 yasigaye, akishyurwa mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30 days), uhereye igihe baboneye ibaruwa ibamenyesha umwanzuro wafashwe ku busabe bwabo, batakwishyura mu gihe cyatanzwe cyamunara igaseswa burundu.

Uyu mwanzuro watowe n'Abajyanama 23/24 bari mu cyumba cy'inama.

**Umwanzuro N° 07.02.094**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje ko ihererekanya ry' ubutaka hagati ya Gasabo Investment Company (GIC) n'Akarere ka Gasabo rizakorwa ari uko Gasabo Investment Company (GIC) irangije kwishyura.

Uyu mwanzuro watowe n'Abajyanama 23/24 bari mu cyumba cy'inama.

**<u>Ingingo ya kabiri</u> : Ikibanza gisabwa na Minisiteri y'Ingabo z'Igihugu cyo kubakamo ibiro by'Inkeragutabara (Reserve Force) mu Karere ka Gasabo.**

Abagize Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo bagejejweho ibaruwa Minisitiri w'Ingabo z'Igihugu yandikiye Umuyobozi w'Akarere ka Gasabo asaba ubutaka buherereye mu Murenge wa Kacyiru, Akagari ka Kibaza, Umudugudu wa Kabagari, mu kibanza UPI 1/02/07/03/1140 gifite ubuso bungana na $m^2$ 4,455. Icyo kibanza kikazubakwamo inyubako Ubuyobozi bw'Inkeragutabara mu Karere ka Gasabo buzakoreramo.

Abagize Inama Njyanama bamaze gusoma ibikubiye muri iyo baruwa ya Minisiteri y'Ingabo z'Igihugu, isaba ikibanza cyo kubakamo inyubako Ubuyobozi bw'Inkeragutabara mu Karere ka Gasabo buzakoreramo, kubera ko kiberanye n'inyubako bifuza, bashingiye ku Itegeko No 87/2013 ryo kuwa 11/09/2013 rigena Imitunganyirize n'Imikorere y'Inzego z'Imitegekere y' Igihugu yegerejwe abaturage mu ngingo yayo ya 125, agace ka 9, bashingiye no ku nyandikomvugo y'inama ya Komite Nyobozi y'Akarere ka Gasabo yateranye ku wa 24/01/2017, isaba Abajyanama ko basuzuma ubu busabe bwa Minisiteri y'Ingabo z'Igihugu bungurana ibitekerezo nyuma bemeza umwanzuro ukurikira :

**Umwanzuro No 07.03.095**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje ko Minisiteri y'Ingabo z'Igihugu ihabwa ubutaka buri mu kibanza N° 1140 gifite UPI 1/02/07/03/1140 n' ubuso bwa $m^2$ 4,455 buri mu Murenge wa Kacyiru, Akagari ka Kibaza, Umudugudu wa Kabagari kugira ngo bwubakwemo inyubako y'ibiro Ubuyobozi bw'Inkeragutabara (Reserve Force) mu Karere ka Gasabo buzakoreramo.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 25/25 bari mu cyumba cy'inama.

Inama yari yatangiye saa saba n'iminota makumyabiri z'amanywa (13h 20') yashoje imirimo yayo saa cyenda n'iminota cumi (15h10'), Umuyobozi w'Inama Njyanama ayisoza ashimira abayitabiriye ku bitekerezo byiza batanze, kandi yifuriza Abajyanama rusange kugira amatora meza.

Bikorewe i Gasabo, ku wa 14 Gashyantare 2017.

<u>**Umwanditsi w'inama**</u> :

**KAREMERA Francis**
Umunyamabanga w'Inama Njyanama
y'Akarere ka Gasabo

<u>**Umuyobozi w'inama**</u> :

**Dr BAYISENGE Jeannette**
Umuyobozi w'Inama Njyanama
y'Akarere ka Gasabo